Please purchase PDFcamp Printer on http://www.verypdf.com/ to remove this watermark.

REPUBLIKA Y'U RWANDA

SNJG Téléphone et Fax 586648

B.P. 1874 Kigali
e-mail : gacaca@rwandatel1.rwanda1.com
www.inkiko-gacaca.gov.rw

URWEGO RW'IGIHUGU
RUSHINZWE INKIKO GACACA
B.P.1874 KIGALI

AMABWIRIZA Nº13/2007 YO KU WA 20/03/2007 Y'UMUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA W'URWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE INKIKO GACACA AGAMIJE GUFASHA INKIKO GACACA GUSHYIRA MU BIKORWA IBITEGANYWA N'ITEGEKO NGENGA N° 10/2007 RYO KU WA 01/03/2007 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO NGENGA N° 16/2004 RYO KU WA 19/6/2004 RIGENA IMITERERE, UBUBASHA N'IMIKORERE BY'INKIKO GACACA ZISHINZWE GUKURIKIRANA NO GUCIRA IMANZA ABAKOZE IBYAHA BYA JENOSIDE N'IBINDI BYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU BYAKOZWE HAGATI Y'ITARIKI YA MBERE UKWAKIRA 1990 N'IYA 31 UKUBOZA 1994 NK'UKO RYAHINDUWE KANDI RYUJUJWE KUGEZA UBU.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa ;

Amaze kubona ibiteganywa n'Itegeko Ngenga n° 10/2007 ryo ku wa 01/03/2007 rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19/6/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ;

Ashingiye ku ngingo ya 50 y'Itegeko Ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19/06/2004 rigena imiterere, ububasha n' imikorere by'Inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya Jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ;

ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA :

Umutwe wa mbere : Ibyerekeye igihe Itegeko Ngenga n°10/2007 ryo ku wa 1/03/2007 ritangirira kubahirizwa

Ingingo ya mbere :

Itegeko Ngenga n° 10/2007 ryo kuwa 01/03/2007 rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19/6/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, ritangira gukurikizwa guhera ku itariki ya mbere Werurwe 2007.

Please purchase PDFcamp Printer on http://www.verypdf.com/ to remove this watermark.

Umutwe wa II : Ibyerekeye iyuzuzwa ry'amadosiye y'abaregwa

Ingingo ya 2 :

Amadosiye y'abaregwa akorwa n'Inkiko Gacaca z'Utugari guhera ku itariki ya 1/3/2007 kimwe n'ayo zakoze mbere yayo ariko zigifite, ashyirwa mu nzego mu buryo bukurikira :

Urwego rwa mbere:

1° umuntu wakoze ibyaha cyangwa ibikorwa by'ubufatanyacyaha bimushyira mu bacuze umugambi, abawuteguye, abawushishikarije abandi, abagenzuye n'abayoboye jenoside cyangwa ibindi byaha byibasiye inyokomuntu, hamwe n'ibyitso bye ;

2° umuntu wari icyo gihe mu nzego z'ubuyobozi : mu rwego rw'Igihugu, urwa Perefegitura, urwa Superefegitura n'urwa Komini, mu mashyaka ya politiki, mu Gisirikare, muri Jandarumori, Polisi ya Komini, mu madini cyangwa mu mitwe yitwara gisirikari ku buryo butemewe n'amategeko, akaba yarakoze ibyo byaha cyangwa akoshya abandi kubikora, hamwe n'ibyitso bye ;

3° umuntu wasambanyije undi ku gahato cyangwa wangije imyanya ndangagitsina, hamwe n'ibyitso bye.

Urwego rwa kabiri :

1° umwicanyi ruharwa wamamaye aho yari ari cyangwa aho yanyuze kubera umwete yagize mu bwicanyi cyangwa ubugome bukabije yabukoranye, hamwe n'ibyitso bye ;

2° umuntu wakoreye abandi ibikorwa by'iyicarubozo, kabone n'iyo byaba bitarabaviriyemo gupfa, hamwe n'ibyitso bye ;

3° umuntu wakoze ibikorwa by'ubushinyaguzi ku murambo, hamwe n'ibyitso bye ;

4° umuntu wakoze icyaha cyangwa ibikorwa by'ubufatanyacyaha bimushyira mu mubare w'abishe cyangwa wagiriye abandi nabi bikabaviramo gupfa, hamwe n'ibyitso bye ;

5° umuntu wakomerekeje cyangwa wagiriye abandi nabi agambiriye kubica ariko umugambi we ntawugereho, hamwe n'ibyitso bye ;

6° umuntu wakoze cyangwa wafashije gukora ibindi byaha byakorewe abantu, atagambiriye kubica, hamwe n'ibyitso bye.

Urwego rwa gatatu:

Umuntu wakoze gusa ibyaha byerekeranye n'umutungo. Icyakora, iyo uwangije n'uwangirijwe bumvikanye ubwabo cyangwa bakabikora imbere y'ubutegetsi cyangwa y'abatangabuhamya, mbere y'uko iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa, uwangije ntakurikiranwa .

Please purchase PDFcamp Printer on http://www.verypdf.com/ to remove this watermark.

Umutwe wa III : Ibyerekeye itangwa ry'ibihano

Ingingo ya 3 :

Inkiko Gacaca z'Ubujurire n'iz'Umurenge zaciye imanza guhera ku itariki ya 1/3/2007 zigatanga ibihano binyuranye n'ibiteganyijwe n' Itegeko Ngenga n° 10/2007 ryo kuwa 01/03/2007 rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19/6/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, zihuza ibihano zatanze n'ibiteganyijwe naryo hatabayeho gusubiramo iburanisha ; zikuzuza icyemezo gishya gisimbura icyujujwe mbere.

Ibi ariko ntibireba ababuranye bakaba abere.

Ingingo ya 4 :

Imanza zasubitswe n'izajuririwe zari zitaracibwa mbere y'itariki ya 1/3/2007 kimwe n'izizasubirwamo nyuma yayo, zizacibwa hashingiwe ku biteganywa n' Itegeko Ngenga n° 10/2007 ryo kuwa 01/03/2007 rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19/6/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu.

Umutwe wa IV : Ibyerekeye irangizwa ry'ibihano

Ingingo ya 5 :

Iyo Urukiko Gacaca rutanze igihano cy'igifungo kirangizwa mu buryo buhuza igifungo, isubikagifungo n'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye Igihugu akamaro rutegeka ko kirangizwa haherewe ku gifungo, hagakurikiraho igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro hagaheruka isubikagifungo kandi rukagaragaza igihe buri gihano kizamara ; rukabyandika inyuma ku cyemezo cyo gufata no gufunga cyangwa icyo gufungura ako kanya igihe uregwa yarangije igihe agomba gufungwamo maze hagashyirwaho kashe y'Urukiko.

Igihe umuntu wakatiwe igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro amara ategereje kugitangira kivanwa mu gihe cy'isubikagifungo yakatiwe.

Umutwe wa V : Ibyerekeye gahunda y'iburanisha

Ingingo ya 6 :

Mu gutegura gahunda y'abagomba kuburana, Inkiko Gacaca z'Umurenge n'iz'Ubujurire zihera ku baregwa bafunzwe kandi muri bo hagatangirirwa ku bireze bakemera icyaha, bakicuza bagasaba imbabazi.

Gahunda yo kuburanishiriza hamwe abakurikiranyweho kuba barafatanyije gukora icyaha n'ibyitso byabo ikomeza kubahirizwa.

Please purchase PDFcamp Printer on http://www.verypdf.com/ to remove this watermark.

Inkiko Gacaca zishyikiriza inzego z'ubuyobozi urutonde rw'abaregwa bafunzwe zigomba kuburanisha kugira ngo byoroshye igikorwa cyo kuzana abagororwa hafi y'aho Inkiko Gacaca zizababuranisha zikorera (sites de transit / transit centers) .

Ibindi bikubiye muri gahunda y'iburanisha bisanzwe bigenderwaho ntibihindutse.

Umutwe wa VI : Ibyerekeye ingingo zisoza

Ingingo ya 7 :

Aya mabwiriza agenewe Inkiko Gacaca zose.

Ingingo ya 8 :

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi yashyiriweho umukono n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca.

Bikorewe i Kigali, ku wa 20/03/2007

MUKANTAGANZWA Domitilla

Umunyamabanga Nshingwabikorwa
w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe
Inkiko Gacaca

Sé